



## Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

---

*"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Égalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"*

---

Kigali, kuwa 21 Mata 2014

### **FDU-Inkingi itewe impungenge n'ishimutwa ry'abaturage rikajije umurego mu gihugu.**

Guhera mu mpera z'umwaka washize wa 2013, nibwo ishyamba FDU-Inkingi ryatangiyeye kwakira ubutumwa bw'abaturage butandukanye, aho bavugaga ko bari gushimutwa n'abantu basa n'abakorera inzego z'umutekano kuko bamwe batwarwaga ku manywa y'ihangu n'abantu bitwaje imbunda nto « pisitori » bagashyirwa mu modoka bagatwarwa, imiryango yabo ntizongere kubaca iryera. Byageze n'aho bamwe mu baturage nk'abo mu karere ka Rubavu (Gisenyi) batangiyeye kujya babona imodoka ihagaze hafi, abashoboye bagakizwa n'amaguru, abandi bakavuzwa induru, maze izo nkozi z'ibibi zigasa n'izigabanya ubwo bushimusira. icyo gihe inzego z'ubuyobozi iyo zabazwaga aho abashimutwa bajyanwa n'icyo bafatirwa zasubizaga ko ngo abo zifata ari inzererezi, nyamara iki kikaba ari cyambaye ubusa.

Kuva mu ntangiro z'uuyu mwaka wa 2014, ishyamba FDU-Inkingi ryakomeje kwakira ubutumwa buva hirya no hino mu baturage, batakamba ko bakomeje kubura bamwe mu miryango yabo. None dore noneho uko iminsi igenda yicuma niko imiborogo y'ababuze ababo ikomeza kwiyongera mu gihugu hose, ariko cyane cyane mu ntara y'iburengerazuba, ahahozze ari Gisenyi na Kibuye, mu ntara y'amajyaruguru, ahahozze ari Ruhengeri, ndetse no mu mujyi wa Kigali.

**Ikimaze kugaragarira buri wese ni uko abashimutwa bashobora kuba batwarwa n'inzego zishinzwe umutekano kuko iyo bamaze kubura imiryango yabo igatabaza izo nzego zivuga ko nta makuru yabo zifite nyamara nyuma y'igihe kirekire zikazavugaga ko zibafite !** Aha umuntu yatanga urugero rw'umuhanzi Kizito Mihigo, umunyamakuru Ntamuhanga Cassien, n'abandi... Ubu abaturage bimaze kubarenga batangiyeye gutayanjwa bandikira inzego z'ubuyobozi bazisaba ko bafashwa kumenya irengero ry'imiryango yabo.

Birababaje cyane kuba umuturage yashimutwa akabikwa imyaka n'imyaniko ahantu hatazwi nyamara amategeko ntaho yemera mwene iri fatwa kuko rinyuranyije n'amategeko. Ibi nibyo biba intandaro y'iyicwarubozo rikunze kuvugwa mu Rwanda rikorwa n'abitwa ko bashinzwe umutekano.

Birasa n'aho igihugu cyacu cyiri mu bihe bidasanze nyamara nta mutegetsi n'umwe mu babishinzwe wigeze atangaza k'umugaragararo ibihe bidasanze ku banyarwanda bityo ngo abaturage bamenye uko bitwara.

**Ishyamba FDU-Inkingi rirasaba leta y'uRwanda guhumuriza abanyarwanda no kureba uko ibi bikorwa byahagarara, hanyuma uwo inzego z'umutekano zikeneye kugira icyo zimikurikiranaho bigakorwa hakurikije amategeko.**

---

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

Turasaba kandi Minisitiri w'Umutekano mu gihugu kugira icyo atangariza abanyarwanda kuri iki kibazo cy'ishimutwa kimaze kuba ingorabahizi mu gihugu.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Umuyobozi mukuru wungiriye w'agateganyo